



MININFRA



**Belgium**  
partner in development

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

### Gutaha ku mugaragaro umushinga wavuguruye imiyoboro ikwirakwiza amashanyarazi mu Karere ka Rubavu watewe inkunga n'Ububirigi

Kigali, kuwa 12 Werurwe 2022 - Nyakubahwa. Dr. Ernest NSABIMANA, Minisitiri w'Ibikorwaremezo ari kumwe na Nyakubahwa H.E Bert Versmessen, Ambasaderi w'Ububirigi mu Rwanda, batashye ku mugaragaro ibikorwaremezo byubatswe mu mushinga wo kongerera imbaraga imiyoboro ikwirakwiza amashanyarazi mu Karere ka Rubavu, watewe inkunga n'Ubwami bw'Ububirigi.

Urwego rw'ingufu mu Rwanda rukomeje kugenda rutera imbere uhereye ku nganda zitanga amashanyarazi, imiyoboro iyageze mu bice bitandukanye by'igihugu ndetse n'iyakwirakwiza mu baturage. Intego nyamukuru u Rwanda rwiyejeje ni uko bitarenze umwaka wa 2024, ingo zose 100% zizaba zifite amashanyarazi, inganda ziyatunganya zikiyongera ku buryo ingano yayo iba ihyanye n'iterambere igihugu kigezeho, ndetse n'imiyoboro iyakwirakwiza ikongerera imbaraga ku buryo nta mashanyarazi yongera gutakara cyangwa ngo acikagurike bya hatu na hatu. Ubu ingo zifite amashanyarazi mu gihugu zirasaga 68.48%.

Kuva mu mwaka wa 2014, binyuze mu muryango Enabel, Ububirigi bwagiye butera inkunga imishinga myinshi yo guteza imbere ingufu mu Rwanda harimo iyo gukwirakwiza amashanyarazi ndetse no kwagura imiyoboro yayo. Iyo mishanga ikubiye mu nkunga ingana na Miliyoni 39 z'Amayero yashyizwe muri gahunda yo gukwirakwiza amashanyarazi yibanze cyane ku kongera umubare w'abagerwaho n'amashanyarazi ndetse no kurushaho kunoza imitangire yayo kun go ndetse n'ibigo bya Leta mu gihugu.

Iyi nkunga yatumye ibirometero bisaga 1000 by'imiyoboro mishya y'amashanyarazi byubakwa ndetse ingo zisaga 50,000 zihabwa amashanyarazi afatiye ku muyoboro rusange mu Ntara y'Uburasirazuba. Igice cya nyuma cy'uyu mushinga cyibanze cyane ku kuvugurura no kongerera imbaraga imiyoboro y'amashanyarazi yubatswe kera mu Ntara y'Uburasirazuba ndetse no mu Burengerazuba bw'u Rwanda.

Mu Karere ka Rubavu by'umwihariko, uyu mushinga wavuguruye imiyoboro yahubatswe kera mu myaka irenga 30 ishize, yongererwa ubushobozi buva ku kigero cya kilovolute (kV) 6,6 ishyirwa kuri kilovolute 30. Ibi byakozwe hubatswe kabine 20 ndetse zose zishyirwamo imashini ziringaniza ikigero cy'amashanyarazi (transformers). Hubatswe kandi imiyoboro mishya ireshywa n'ibirometero 14 by'imiyoboro iringaniye (MV) n'ibirometero 34.7 by'imiyoboro mito (LV).

Mu Karere ka Rubavu kandi, uyu mushinga wahubatswe amatara yok u mihanda ku birometero bigera kuri 7.2 mu Murenge wa Gisenyi.

Bwana Bert Versmessen, Ambasaderi w'Ububirigi mu Rwanda, yavuze ko Ububirigi butewe ishema no kuba bwaragize uruhare mu guteza imbere ingufu mu Rwanda.

Yagize ati : “Ibirometero bisaga 1,000 by'imiyoboro byarubatswe ibindi byongererwa imbaraga muri uyu mushinga watewe inkunga n'Ububirigi mu Rwanda. Abaturage basaga 250,000 batari bafite amashanyarazi ubu bayabona neza kandi barayakoresha. Uyu ni umusaruro ufatika werekana ishusho ngari y'ibigenda bigerwaho. Mu myaka mike ishize, u Rwanda rukomeje gutera intambwe ishimishije mu gukwirakwiza amashanyarazi. Leta y'Ububirigi yishimiye kuba yaragize uruhare muri uru rugendo rushimishije”.

Minisitiri w'Ibikorwaremezo, Bwana Dr. Ernest NSABIMANA yvuze ko hari byinshi bimeze kugerwaho biturutse ku bufatanye hagati y'ibihugu byombi ndetse ko bukomeje kuba imbarutso y'iterambere ry'ubukungu.

Yagize ati: “Iyi mishinga idufasha cyane kugera ku ntego za Leta zijyanye n'iterambere ry'ubukungu. Nagira ngo mu izina rya Guverinoma y'u Rwanda nshimire Leta y' Ububirigi ikomeje gutera inkunga imishinga yo guteza imbere ibikorwaremezo mu Rwanda ndetse n'izindi nzego zinyuranye. Uyu mushinga ntiwagarukiye gusa ku kongera umubare w'abafite amashanyarazi, ahubwo wanafashije bikomeye mu kuvugurura imiyoboro isanzwe mu Rwanda ndetse no kuyongerera ingufu kugira ngo amashanyarazi agere kuri bese ahagije kandi afite ubuziranenge.

**END**

